# 134: Nshaka Yesu; nta wundi nifuza

1.

Nshaka Yesu; nta wundi nifuza. Andengera mu byago by'iyi si. Nshaka Yesu; ni W' umpumuriza.Nah' undi yakwishoboza, jye Nshaka Yesu !

Ref:

Nshaka Yesu Nshaka Yesu Nshaka Yesu, ntasiba : Mu mahoro, mu byago, Ni We nshaka wenyine;None n'iteka ryose, Jye nshaka Yesu

2.

Nshaka Yesu : n' inshuti yanjy’ubu. N' Umujyanam' uhor'unyobora. Nshaka Yesu, ngw ansindir' Umwanzi;Jyenyine nzi ko nta cyo maze ; Nshaka Yesu.

3.

Nshaka Yesu : ni we Murengezi. S’inshuti yac' abanyabyaha se? Nshaka Yesu : nafashwa n'undi se? Ntawund’ ukund'abantu nkaWe : Nshaka Yesu !

Visit us at indirimbo.com